K.ET./K.El.

18 juillet 1961

1400/Req.

Requête.

TRANSMIS pour compétence à Monsieur le Ministre des Affaires Techniques la requête émanant de Monsieur SIKUBWABO Lucas.

Kigali, le 18 juillet 1961
Le Ministre
J.B.RWASIBO,

---

REPUBLIQUE DU RWANDA
TERRITOIRE DE SHANGUGU
T.P.M.R. à SHANGUGU.

Shangugu, le 5 juillet 61

TRANSMIS copie pour information à Monsieur le Ministre des Affaires Intérieures à KIGALI.

Monsieur l'Administrateur de Territoire de S HANGUGU.

Monsieur le Préfet de SHANGUGU.

Monsieur le Ministre des Affaires Techniques
Mr. SINDIKUBWABO Theodor.

Ndabaramutsa

Banyakubahwa ndabibutsa kandi imibereho yacu hano muli Territoire ya SHANGUGU. No muli Baruwa yanjye ya le 27 mai 1961 nandikiye Capitaine Commandant J.De Corte nabatekerereje imibereho yanjye Uko twagizwe muli Congo. Kubera ba Gashakabuhake bahiganje tukaza ducika kumacumu twali twizeye ko tugiye mu Rwanda rwacu kandi twarurwaniy'ishyaka. Non'ubu nitwe tugirirwa nabi. Turahigwa hirya no hino. Abali kuturengera nibo bifuza kuturenzaho itaka kandi si jye wambere mul'iyi territoire mu bagiliwe nabi. Muzi neza na kera uwavugaga ukuli yarakuziraga.
N'ubu ino turacyabikoresha.
Dore : Kuli le 29 juin 1961 natangiye kubwira umuzungu ibyerekeye umulimo nakoaga atangira kuntuka. ndetse no gushaka kunkubita. Hanyuma s/Prefe watambukaga ambaza uko bigenze ndabimusobanulira. Kuli le 4 juillet 61 umutegeka wa T.P.M. ambwira ko bandeze muli Ministere i Kigali. ko bampaye na Licencien. Mbibajije Préfet ngo ndihagije na ba s/Prefe bazajye bampemba ngo cyangwa se bazajye kumburanira i Kigali. Banyakubahwa ndabaza

. . ./. . .

niba icy'umuntu azabaza azajya agihanirwa. Cyangwa se ko hali icyo bandega nagulishije ? Cyanga se nagije nkana mu mulimo wa T.P.M.

Aliko niba al'uko nabajije ibyerekeye umulimo icyo mpanirwa n'iki? Kuvuga ngo ba s/Prefe bazajya bampemba mbakorera iki ? Ndabamenyesha ko ibyo biregc byose bandega nta nakimwe nagizeho nabi ahubwo ali uko mvuga mu kuli. Nizeye ko ibyo byose muzabyisuzumira. Kandi nizeye ko ibyo byose muzabyisuzumira. Ko mutazabura kunsubiza uko mubishoboye kose. Bwana Ministre mbaye mbashimiye hakili kare hamwe no kubizera. Tulifuza ko mwazagerageza kugerino turabakeneye cyane.

Amahoro y'Imana.

SIKUBWABO Lucas.
KAMEMBE
Commune Shangugu
Territoire de Shangugu R.RWANDA

Mumbabalire sinfite imashini kandi sinzi igifransa.

sé/

SHANGUGU le 10 juillet 61

REPUBLIQUE DU RWANDA
SIKUBWABO Lucas
KAMEMBE COMMUNE
SHANGUGU PREFECTURE
SHANGUGU.

TRANSMIS copie pour information à
Ministre des Affaires Intérieur à KIGALI.

Monsieur le Préfet de la Prefecture
de SHANGUGU.

Ref. N° 212/379/3.

Monsieur l'Administrateur de Territoire
de et à SHANGUGU.

Ndabaramutsa kandi mbifuliza amahoro y'Imana. Ba Nyakubahwa, mbandikiye mbashimira cyane ibyo mungiriye. Kuva mu gihe nabereyeho mu Rwanda nta n'umwe twavuganye nabi. Hanyuma mba umusirikare mu ntambara 1940-45. (Si navuyeyo nirukannywe). Natangiye gukora muli Congo Belge 1948 nakoranye n'abategetsi ba bazungu, nta n'umwe twigeze tugira icy dupfa no kugeza aho nishyiriye mubyo kumva imibereho y'URWANDA 1959 ari ukubafasha kurwanya ibye rwangizo. Cyanga ibitera urubwa abarurera. 1/ Bwana Administrateur, ubwanyu mulibuka neza ibyabavugwagaho icyo gihe. Kandi bikatubabaza tudatuye mu Rwanda ? 2/ Mulibuka igihe bwana Van Staen yadiridimbaga i Bukavu aza kutubaza iby'izo mpuha za bagashaka buhake ? Sicyo cyatey'Abanyakongo kutwanga ngo twifatanyagije n'Ababiligi 3/ Mulibuka tujyana namwe gucira imanza mu magiliro ? hagati y'amateraniro ya bagashakabuhake, dutay'imilimo yacu ? Aho muzi ko alicyo cyatubujije ituro muli Congo ? None tuje tubisunga namwe muratuliye ! Niko kuvuga ko n'uwali kugwa muli iyo nkomati mutali kuza mumerera !!! Aliko ntibimbabaje, kuko al'Urwanda nakoleraga ; n'ubundi nzakomeza kulukorera. Naruvukiyemo, kandi nzaruzaziramo.

Ibyo byose mbituye u Rwanda.

Mbasezeyeho mbifuliza ihirwe.

SIKUBWABO Lucas
sé/SIKUBWABO Lucas.

SHANGUGU le 10 juillet 1961

REPUBLIQUE RWANDAISE
TERRITOIRE DE SHANGUGU
SIKUBWABO LUCAS
COMMUNE DE KAMEMBE
PREFECTURE DE SHANGUGU.

Spécial à

Monsieur le Ministre
J.B.RWASIBO à KIGALI.

Réf. n° 212/379/4.

Nyakubahwa ndabaramutsa.

Icyo mbasaba n'uko mwashobora gusuzuma ibyanjye ku buryo bwose. Kuko kenshi ibyo turegwa mu li Territoire ya Shangugu turengana kubera ko tuvuga ukuli tukakuzira. Muzi mwese abarwanashaka b'abahutu twali dutuye muli Kongo, bagashakabuhake bamaze kuhagera uko byatugendeye, s'ibyo nilirwa mbasobanulira murabizi.

Jye rero kuko nali umusilikari, nagombaga gutura muli camp Militaire. Kugirango mveyo lero nali ndaliye kujyanwa muli Gereza ya (Stanlville) Kisangani mbimenye uwo munsi ndacika ; abana n'umugore n'abatumyeho maze kugera hanze. Umurwanashyaka witwa Bisengimana Albert abyumvise yohereza imodoka ipakiza umugore n'abana uko ali 7. Kubagez'i Shangugu. None baranyirukanye. Ndabasaba rero ko mwansuzumira icyo nakoze gikomeye cyatuma abo bana banjye bazicwa n'inzara. Kandi ali mwe naje nizeye ko mwambeshaho.

Tubasabye cyane kudusuzumira ubutegetsi muli Territoire ya Shangugu byatuyobeye.

Sé/ SIKUBWABO Lucas.